




MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL  
RESOURCES (MINAGRI)

# IMFASHANYIGISHO KU BWOROZI BW'INKOKO



## IBIRIMO

|  |    |
|--|----|
| IKIRARO CY'INKOKO.....                                   | 3  |
| ICYORORO, GUSHYUSHYA NO KWITA KU MISHWI.....             | 15 |
| IMIGABURIRE N'IMIRIRE Y'INKOKO.....                      | 24 |
| UBWIRINZI NO GUKUMIRA INDWARA MU BIRARO BY'INKOKO.....   | 32 |
| ISOKO RY'INKOKO N'IBIZIKOMOKAHO NO KUBIKA INYANDIKO..... | 39 |

# 1

## IKIRARO CY'INKOKO

### Ikiraro cy'inkoko ni iki?


Ikiraro cy'inkoko ni inyubako yubakwa hagamijwe kororeramo inkoko. Ikiraro cy'inkoko cyubakwa hagamijwe gucunga no kurinda umutekano n'ubuzima bw'inkoko. Iyo nzu irinda inkoko imiyaga, ubushyuhe cyangwa ubukonje bukabije, imvura, abajura, inzoka, imbwa, injangwe, inyoni n'ibindi byonnyi. Iyi nzu kandi ifasha inkoko guterera ahantu hatekanye ku nkoko zitera.

### Ikiraro cy'inkoko cyubakwa ahantu hakurikira:

- Ahantu humutse
- Hafi y'ahantu washobora kubona abakozi no kuyikurikirana byoroshye
- Hitaruye nibura metero 800 uvuye ku bindi biraro by'inkoko, kugira ngo hatabaho ikwirakwiza ry'indwara. Ibi ntibikunze kubaho, ariko biba byiza iyo ikiraro cyitaruye kurushaho
- Hitaruye nibura metero 200 y'aho abantu batuye na metero 500 uturutse ku gace gatuwemo.
- Hafi y'umuhanda, kugira ngo ubwikorezi bw'ibiryo n'amagi bworohwe
- Hafi y'amazi n'amashanyarazi

### Ibice bigize ikiraro cy'inkoko

- Inzu yo gushyuhirizamo imishwi: ikoreshwa nk'ubwotero bw' imishwi, ikororerwamo imishwi y'inkoko zitanga amagi zimaze ibyumweru 0 kugeza ku 8, cyangwa ibyumweru 0 kugeza 2 ku nkoko zitanga inyama.
- Ikiraro cy'inkoko z'ibigwano: yororerwamo ibigwano by'inkoko zitanga amagi zimaze ibyumweru 9 kugeza kuri 18, cyangwa ibyumweru 2 kugeza kuri 6 ku nkoko zitanga inyama.
- Ikiraro cy'inkoko zikuze: yororerwamo inkoko zifite ibyumweru birenga 18, akenshi kugera ku byumweru 72 zivutse, cyangwa ibyumweru 6 ku nkoko zitanga inyama



ICYITONDERWA: Inkoko zitangana, zitaturutse hamwe, zidahuje ubwoko ntabwo zororerwa mu kiraro kimwe.


Mu gihe ugiye guhitamo aho wubaka ikiraro cy'inkoko, ugomba kwitondera ibintu bikurikira:

- Abashyitsi cyangwa imodoka ziturutse hanze bigomba gukumirwa bigahagarara nibura kuri metero 10 uvuye ku biraro;
- Hagati y'ikiraro cy'imishwi n'icy'ibigwano hakwiye intera ingana na metero 15 kugeza kuri 30 na metero 100 hagati y'ikiraro cy'ibigwano n'icy'izitera;
- Byaba byiza ububiko bw'amagi n'ubw'ibiryo ndetse n'ibiro byubatswe bitegeranye n'ibiraro kugira ngo hagabanywe urujya n'uruza rw'abantu hafi y'ikiraro, hakanateganywa aho abantu bogera bakanahindura imyenda mbere yo kwinjira mu biraro;
- Ikimpoteri n'icyumba cy'izirwaye bigomba kuba byitaruye ibiraro;
- Ikiraro kigomba kuba kizengurutse n'uruzitiro mu rwego rwo gukaza umutekano
- Umwanya wo kogerezamo ibikoresho ugomba gushyirwa ahantu hitaruye ibiraro

#### Ibigenderwaho mu kubaka ikiraro cy'inkoko

Icyerekezo cy'ikiraro cy'inkoko cyubakwa ku buryo buva mu cyerekezo cy'Iburasirazuba ugana Iburengerazuba. Ibi birinda inkoko imiyaga, izuba n'imvura.

#### Ibice bigize ikiraro cy'inkoko




#### Urumuri

Inzu igomba kuba ifite urumuri ruhagije. Inzu yijimye ituma inkoko zitisanzura, zikanatanga umusaruro udahagije.


Urumuri rufite umumaro mu mirire, kuko inkoko ishobora kubona ibiryo. Umushwi ukivuka ukenera urumuri umunsi wose, ni ukuvuga amasaha makumyabiri n'ane, mu gihe cy'icyumweru cya mbere cy'ubuzima bwawo.

Niba inkoko itera, kubona urumuri ruhagije bituma itanga umusaruro w'amagi wisumbuyeho.

Iyo inzu y' inkoko ifite amadirishya yinjiza umuyaga uhagije, bituma urumuri rwo ku manywa rwinjiramo.







#### Uburyo bwo korora

Iyo ushaka korora inkoko ugomba gufata umwanzuro ku buryo bwo kuzorora. Ushobora kureka inkoko zikitorera, ushobora kuzorora hanze no mu biraro cyangwa kuzororera mu biraro gusa.

#### Izitorera/Kororera hanze

Ubu buryo bukoreshwa iyo hari ubutaka bwabugenewe. Gutora ni bwo buryo inkoko zibonamo ibiryo. Uburyamo n'ibiyare by' amagi bigomba kuba bihari. Ubwoko bwose bw'inkoko bushobora kororwa muri ubu buryo.



Akamaro ko kororera hanze:

- Igishoro gicye
- Amafaranga macye ajyanye n' ubwubatsi
- Kubera gutora, iyo bibaye ngombwa ko zongererwa ibiryo zihabwa bikeya

Ingaruka zo kororera hanze:

- Imicungire iruhije
- Gutakaza amagi mu gihe zitereye aho zibonye
- Igohombo gikabije bitewe nuko zariwe n'izindi nyamanswa
- Kwibwa

#### Kororera hanze no mu biraro

Inkoko zirirwa hanze bwakwira zikinjira mu biraro. Umubare w' ubucucike ku nkoko zikuze ni 750 kuri hegitare. Ibiryo n'amazi bitangirwa mu biraro.



Akamaro k'ubu bwoko:

- Ubutaka bukoreshwa neza ugereranyije n'uburyo bwo kororera hanze
- Kurinda inkoko ibiza bitandukanye
- Kwita ku nkoko ugereranyije n'uburyo bwo kororera hanze

Ingaruka:

- Igiciro kinini cy'uruzitiro
- Gucyenera abakozi bo gukora amasuku
- Igohombo gikabije bitewe no kuba zariwe n'izindi nyamanswa

#### Kororera mu biraro

Inkoko zororerwa mu biraro hasi. Ubu ni uburyo bwiza, bwongera umusaruro ku bworozi bwa kijyambere bugizwe n'inkoko nyinshi.



Akamaro:

- Bisaba ubutaka buto
- Gukurikirana umunsi ku munsi ubworozi (nko kumenya izirwaye no kuzivura)
- Gutanga umusaruro mwinshi kuko inkoko zitagenda cyane
- Gukurikirana ubworozi, imirire, ubuvuzi no kuzibaga byakorwa mu buryo bworoshye

Ingaruka:

- Imibereho itari myiza kuko inkoko zitari mu bwisanzure bwazo karemano nko kurira hejuru y' ibintu, gukubita amababa, kuraha ubutaka n'ibindi
- Kwanduzanya indwara mu buryo bwihuse igihe hari icyorezo



### Ubworozi bwo mu kiraro gifunze inkoko ziri hasi

Inkoko zishyirwa mu nzu igihe cyose. Ibinyo, amazi n' ibyari biba biri mu kiraro. Inkoko zihabwa isaso ifite hagati ya santimetero eshatu n' eshanu. Mu Rwanda bakoresha ibisigazwa bw' umuceri, iby'ibigori n'ibarizo. Koresha isaso idafite ivumbi cyangwa idatose kugira ngo hirindwe indwara.



- Inkoko zigira ubuzima buzira umuze
- Isaso ikoresheya mu gufumbira
- Kugabunuka kw'ingaruka ziterwa n'ibiguruka

#### Ingaruka:

- Ubwiyongere buri hejuru buterwa n'indwara z'indiririzi (parazite) n'utundi dukoko tutabonwa n'ijisho (bagiteri) kubera ko inkoko ziba zibana n'isaso
- Ibibazo by'ubuhumekero kubera ivumbi riva mu isaso
- Amafaranga y'inyongera mu kugura isaso
- Ingaruka z'umuyaga mwinshi ugeranije no kuzororera muri kaje.

### Uburyo bwa kaje

Inkoko zororerwa muri za senyenge (kaje), ziri hejuru cyangwa ziri hasi. Ubu ni uburyo bwiza bugize 75% bw'inkoko zororerwa zitera amagi ku isi yose. Ibyo ziri-ramo biba bimanitse inyuma ya kaje. Ibyo zinyweramo biba bifite itiyi yohereza amazi muri kaje. Kugaburira no gufata amagi ku nkoko birikoresha.



#### Akamaro:

- Umwanya muto ku kwita ku nkoko ugereranije no kuzororera ku butaka
- Nta buryamo bukenerwa
- Kubona ifumbire mu buryo bworoshye
- Kongera isuku
- Kugabanya imirimo
- Kugenzura indwara zishobora guturuka mu butaka

#### Ingaruka:


- Kaje zirahenze ugereranije no kororera hasi
- Bitera umunaniro inkoko, kubera kubura ubwisanzure igihe kirekire

### IBIKORESHO BIKORESHWA MU KIRARO CY'INKOKO

Ibyo inkoko ziriramo:

uburiro bw'inkoko buba bukenewe mu kiraro cy'inkoko bugomba kuba bworohereza inkoko kugera ku biryo. Bugomba kandi gutuma zitabimena hasi zitabasha no kubitamo amatoto. Ikindi ni uko hakoresheya uburiro bujyanye n'ikigero inkoko zigezemo, ndetse bugomba no kuba buhagije ku buryo inkoko zose ziri mu kiraro zibonera ibiryo icyarimwe.


Umubare w'uburiro bujya mu kiraro buterwa n'ubwoko bw'uburiro umworozi agiye gukoresha hamwe n'umubare w'inkoko zizajya muri icyo kiraro. amashusho akurikira yerekana ubwoko butandukanye bw'uburiro bw'inkoko.



## UBUNYWERO BW'INKOKO


Ubunywero bw'inkoko bugomba kuba buri ahantu inkoko ibasha kubunyweramo bitayigoye; idashobora gutamo amatoto cyangwa isaso kandi bukoze mu buryo bworohereza umukozi w'isuku kubusukura. Habaho ubwoko bw'ubunywero bwikoresha, hakabaho n'ubwoko bw'ubunywero busaba ko inkoko bazishyiriramo amazi.

Aya mashusho yerekana amoko atandukanye y'ubunywero bw'inkoko



## UMUNZANI

Umunzani wifashishwa mu kumenya igipimo cy'ibiryo inkoko zigenewe kurya, no mu kumenya ibiro by'inkoko.



## IBIKORESHO BYO GUSHYUSHYA NO KUMURIKA MU KIRARO

### Amatara y'amashanyarazi



### Amatara y'amashanyarazi

- Amatara y'amashanyarazi yifashishwa cyane mu kumurika ku ruta mu gushyushya ibiraro nubwo bwose aba atanga ubushyuhe.
- Ubushyuhe bwiyongera cyangwa bukagabanywa bitewe n'aho itara rimanitse, gusa ni ngombwa ko habaho irindi tara ritari iry'amashanyarazi ryakwitabazwa mu gihe umuriro ubuze

### Ibyiza byayo

- Biroroshye kuyagenzura
- Nta nkongi y'umuriro yatera
- Biroroshye kuyigiza hejuru no kuyongerera umubare
- Atanga ubushyuhe n'urumuri icyarimwe
- Nta myotsi mu kiraro

### Ibibi byayo

- Kugirango akore hakenerwa amashanyarazi
- Aho bayakoresha bagomba kugira umuriro uhoraho
- Hagomba kubaho uburyo bwo gusimbuza ayashiririyey



## IBIKORESHO BYO GUSHYUSHYA

### Imbabura y'amakara

Amakara ashobora kwifashishwa mu gushyushya inzu y'imishwi. Ibi gusa bisaba ko bahora bagenzura ubushyuhe aba arimo gutanga igihe yaka.

Imbabura zikoreshwamo amakara zishobora kuba zikoze mu ibumba kandi iteye ku buryo bw'umwihariko naho imbabura icuze mu cyuma igomba kuba icuze ku buryo nta mushwi wayigurukiramo



Ibyiza byo gukoresha imbabura

- Amakara abasha kuboneka ku buryo bworoshye ugereranyije n'ubundi buryo bwo gushyushya
- Ntabwo ipfa kwizimya
- Iboneka mu ngero zitandukanye bitewe n'aho igiye gukoreshwa
- Wayitereka aho ushaka mu kiraro

Ibibi byayo

- Ishobora gutera inkongi y'umuriro mu kiraro
- Amakara ashobora gutera imyotsi myinshi mu kiraro
- Isaba ko mu kiraro hahora umwuka uhagije
- Isaba guhora uyigenzura kugira ngo itazima cyangwa ikaka cyane
- Biragoye guhuza ikigeri cy'ubushyuhe n'ibipimo byateganyijwe

### Imbabura ikoresha gaze



Aho gaze ibasha kuboneka byoroshye, iyi mbabura yaba igisubizo mu kubonera imishwi ubushyuhe buboneye. Ubu buryo nibwo buboneye ku mworozu ubishoboye Iyi mbabura yakoreshwa mu borozi baciriritse, abaringaniye n'ababikora kinyamwuga Iyi mbabura igomba kuba imanitse hejuru mu kiraro byibuze ku burebure bwa santimetero 80 z'uburebure kandi imanitse ahantu itegereye igiti cyangwa ikindi kintu cyafatwa n'inkongi y'umuriro ku buryo bworoshye

### Ibyari by'inkoko

Ibyari bigomba kujya mu kiraro cy'inkoko mbere yuko zitangira gutera.

Kuri buri cyari, ubara ko hazatereramo inkoko 4-5.

Icyari kigomba guhora gisukuye kandi nta n'amatoto akirangwamo gusukura icyari bikorwa buri muni.


Buricyari kigomba kwozwa hakoreshejwe amasabune n'imiti byabugenewe igihe inkoko zabitereragamo zigurishijwe, na mbere yo kongera gukoreshwa ku kindi cyiciro cy'inkoko.





## Imitambiko

Ku buryo bw'umwihariko, imitambiko ikoreshwa ku nkoko zitera kugira ngo zibashe kwitoza kuguruka. Ibi bifasha inkoko no kutazagorwa no kuguruka ijya gutera amagi mu cyari



# 2

## ICYORORO, GUSHYUSHYA NO KWITA KU MISHWI

Kubangurira ni igikorwa cyo gushaka icyororo cyiza kizatanga umusaruro mwiza. Kugira ngo umworozi agere ku ntego yihaye, biterwa n'ubwiza bw'inkoko yatangiranye n'icyo agamije. Mu gihe cyo gutoranya icyororo cy'inkoko yifuza, umworozi ni we ufata umwanzuro w'ituragiro ryizewe akorana naryo akurikije intego y'ubworozi bwe. Umworozi afite ubwoko bw'inkoko butatu yatoranyamo.

Ubwo bwoko ni ubu bukurikira:

- Inkoko zitanga amagi gusa
- Inkoko zitanga inyama gusa

Sibyiza ko umworozi yikorera igikorwa cyo kubangurira. Kuko akenshi abangurira inkoko zivukana n'izitazwi inkokomo yazo. Ibi bigira ingaruka :

- Kongera amacugane
- Gutanga umusaruro mucye w'inyama n'amagi
- Kurwaragurika no gukura nabi

## UBWOKO BW'INKOKO

### INKOKO Z'AMAGI

Mu nkoko z'amagi mu Rwanda, haboneka izizwi nka Isa brown, Rhode Island Red, Leghorn, Sussex, na Lohmann ariko zose ziva hanze y'igihugu.

### Rhode Island Red

- Inkomoko: Leta Zunze Ubumwe z'Amerika
- Zitera amagi menshi zikanagira ubudahangarwa ku ndwara
- Muri rusange, amasake y'ubu bwoko apima ibiro 3.9 naho inkokokazi zigapima 2.9
- Zitangira gutera hagati y'ibyumweru 18-20
- Ku mwaka, inkokokazi itera hagati y'amagi 200-300
- Zishobora kuba ahantu hose



### Isa brown



- Inkomoko: Igihugu cy'Ubufaransa.
- Ibara: Ikigina
- Umusaruro w'amagi mu mwaka ni hagati ya 300-350
- Zitangira gutera hagati y'ibyumweru 18-20.
- Inkokokazi ikuze ipima ibiro 2; isake igapima hagati y'ibiro 2.3 na 3
- Igira ubushobozi bwo kuba ahantu hose kandi neza
- Zigira ububasha bwo gokoresha neza ibyo zariye
- Zemera kubaho mu buryo bwose zafatwamo cyangwa zakubakirwamo

### Sussex

- Inkomoko: Igihugu cy'Ubwongereza
- Umusaruro w'amagi mu mwaka ni hagati ya 250-300
- Ishobora no gutanga inyama.



### Leghorn

- Inkomoko: Mu gace ka Tuscany, Mu gihugu cy'Ubutaliyani
- Umusaruro w'amagi mu mwaka ni amagi 280



### INKOKO Z'INYAMA

Hashize imyaka myinshi inkoko z'inyama zitangiye kororwa kubera ko zikura vuba mu gihe gito iyo zabanguriwe neza.

- Muri rusange inkoko z'inyama zibagwa hagati y'ibyumweru 6-8 zifite ibiro 2 kugeza kuri 2.5. Ubu ni bwo buryo bwiza bwo korora inkoko z'inyama.

Inkoko z'inyama zikunzwe kororwa ni Cobb 500 hamwe na Hubbard

#### Inkoko zo mu bwoko bwa Cobb 500

Ni ubwoko bw'inkoko zigira ububasha bwo gokoresha neza ibyo zariye kandi zigakura ku kigeru cyiza.

- Zitanga umusaruro, ukurikije ikiguzi cy'inyama ku kero
- Ni ubwoko bwiza bwo korora ku muntu ugamije kubona umusaruro w'inyama



#### Inkoko z'ubwoko bwa Hubbard

- Ubu bwoko bw'inkoko na none bwitwa F-15 kandi bugira ubudahangarwa ku ndwara kuva zikiri ntoya
- Ubu bwoko bw'inkoko bushobora gukura kugeza ku biro biri hagati ya 1.5 na 1.8 mu minsi iri hagati ya 56 na 60 mu gihe zitawehe neza





## UBWOKO BW'INKOKO Z'IMBERA BYOMBI (DUAL-PURPOSE)

Ubu ni ubwoko bw'inkoko zororerwa gutanga amagi n'inyama. Zitanga amagi make, zikura gahoro ugereranyije n'ubundi bwoko bwagenewe gutanga amagi cyangwa inyama.

Mu Rwanda dufite:

### Kuroiler

- Izi nkoko ni ubwoko bwakomotse mu Buhinde habangurirwa ubwoko bw'inkoko z'amagi n'iz'inyama.
- Ubu bwoko burahendutse kuko bushobora kubaho burya ibisigazwa byo mu gikoni n'ibyo mu murima.
- Inkokokazi z'ubu bwoko zishobora gutanga amagi ari hagati ya 150 na 200 ku mwaka
- Isake ya Kuroiler ipima hafi 3.5kg naho inkokokazi igapima 2.5 mu gihe cyiri hagati y'amezi 4 na 5.
- Ntizikunze kwibasirwa n'indwara cyane
- Zikura vuba ugereranyije n'inkoko gakondo
- Zitangira gutera ku mezi 5.
- Zishobora kororwa mu buryo bunyuranye bitewe n'ikigambiriwe



### Ubwoko bwa Sasso

- Ubu bwoko bwakomotse mu Bufaransa buza gukwirakwira ku isi yose mu borozi banini n'abatoya
- Umusaruro w'amagi uri hagati ya 200-250 ku mwaka
- Isake igeza ku buremere buri hagati y'ibilo 2.2 na 2.5 mu minsi 60 yororewe mu buryo busanzwe
- Zigira ubudahangarwa ku ndwara
- Izi nkoko zoroheye umworozi uciriritse



## IBIGENDERWAHO MU GIHE CYO GUHITAMO INKOKO Z'AMAGI N'IZ'INYAMA

### Inkoko z'amagi

- Ubwinshi bw'amagi zizatera.
- Uko irya (Amagi/kg y'ibyo yariye)
- Umusaruro uhoroaho
- Ubudahangarwa ku ndwara
- Ibara ryazo
- Kuboneka kw'imishwi

### Inkoko z'inyama

- Umusaruro uhagije w'inyama
- Uburemere mu mikurire yazo
- Igihe gito yororwamo
- Uko irya
- Imiterere yazo
- Kuboneka kw'imishwi

### Inkoko gakondo/nyarwanda

Ni ubwoko bw'inkoko bushobora kororerwa aho ariho hose mu Rwanda. Zigira ubudahangarwa ku ndwara, zikagira umusaruro muke w'amagi n'inyama. Zibasha kubaho mu buryo buciriritse zitoreza.



Ibigenderwaho mu gihe ugiye kuba umworozi w'inkoko z'amagi n'inyama Mu gihe wifuza korora inkoko ugomba kwibanda kuri ibi bintu bikurikira:

- Kuboneka kw'imishwi
- Kugira isoko ry'amagi cyangwa ry'inyama
- Kumenya abo muhanganye ku isoko
- Kumenya ubufasha ushobora kubona: kuri bagenzi bawe b'aborozi cyangwa ku biyanye n'ubuvuzi
- Kubona ibyibanze mu borozi (Ibiryo, inkingo, imiti n'ibindi)
- Igishoro gikenewe (kugura ibikoresho, imishwi, kubaka inzu yazo, ibiryo, amazi meza, amashanyarazi, inkingo, imiti, ubuzuzi n'ibindi)
- Ugomba kuba ufite amafaranga agufasha mu bikorwa byo kugura ibiryo, amazi meza, amashanyarazi, inkingo, imiti, ubuvuzi n'ibindi
- Kugira abakozi bamenyereye kandi bafite uburamba mu byo korora inkoko
- Kugira ahantu ho kororera hahagije



## KWITA KU MUSHWI UKIVUKA

Umushwi w'umunsi umwe uboneka mu maturagiyo yo mu Rwanda cyangwa igaturuka hanze y'u Rwanda. Ni ngombwa ko buri gihe umworozi amenya imikorere y'ituragiyo. Umushwi w'umunsi umwe ugomba kuba ushabutse, umeze kimwe n'indi kandi ufite ubuzima bwiza kandi utajunjamye.

Imishwi iba imeze neza iyo ubushyuhwe buri hagati ya 30-33° C.

Kuva ku munsi wa mbere imishwi ikenera kwitabwaho no kugenzurwa cyane. Iyo udafite uburambe mu bworozi bw'inkoko, ni byiza ko wahera ku mishwi ifite ukwezi. Sibyiza ko aborozi bikorera igikorwa cyo kubangurira. Kuko hari abanezewa no kubangurira inkoko zabo ku girango biremere icyororo gishya bataguzwe imishwi mishya ivuye mu ituragiyo.

Ibi bituma kubangurira inkoko ku mworozi (kubangurira inkoko zimeze kimwe) bitera imbogamizi nko:

- Gutanga umusaruro muke w'innyama/amagi
- Indwara zihoraho no gukura nabi

## IBIREBANA NO KWITEGURA NO KWAKIRA IMISHWI

### Gutegura inzu no gutera imiti yica udukoko

- Gukuramo isaso ryose risanzwemo
- Koza ikiraro n'igisenge imbere no hanze
- Koza ibikoresho byose bikoreshwa mu bworozi
- Kwica udukoko dushobora kuba turi ku bikoresho ukoresheje imiti yabugenewe mu bworozi bw'inkoko
- Kumutsa ikiraro neza mbere yo kwinjizamo imishwi
- Kureka ikiraro kikamara icyumweru inkoko zitarajyamo

### Gutegura inzu igiye kwakirirwamo imishwi

- Gusasa isaso rishya mu kiraro hose (ibarizo, ibishishwa by'umuceri n'ibindi...)
- Guteganya uburyo umuyaga uzajya ujamu ukanasoka hagamijwe kuringaniza umwuka n'ubushyuhwe mu kiraro
- Kubanza gushyushya inzu kugeza kuli dogire 30, ukoresheje ibintu bishyushya inzu (imbabura, gaze, amashanyarazi n'ibindi...)
- Gutegura uburiri n'ubunywero. Imishwi ikivuka ishobor akurira mu mifuka cyangwa kuri shitingi
- Imishwi ikura neza mu gihe hari urumuri ruhagije

## Kuzana no kwakira imishwi

- Ugomba kumenya niba imishwi yarakinze (icyangombwa cy'inkingo kizwi nka vaccination certificate)
- Genzura neza niba nta mushwi ukorora, ufite ibicurane, ufite amarira mu maso, uhumeka nabi cyangwa uhitwa. Umushwi ugomba kuba ufite agatorero korohereye, kandi amaguru yawo ashushye iyo nta kibazo ifite
- Tandukanya imishwi irwaye n'imizima. Shyira irwaye mu byumba bitandukanye kugira ngo zitanduza inzima, urebe niba zakira
- Tunganya amazi meza Ushyiremo vitamine yabugenewe ukurikije ibipimo byagenwe. Mu gihe utabashije kuyibona wakwifashisha isukari
- Iyo imishwi imaze kunywa amazi meza, ihabwa ibiryo by'umushwi ku gikoresho kirambuye hasi
- Ugenda uhindura ibyo ziriraho
- Nibura mu byumweru 2 bya mbere, utangira kugaburira imishwi ibiryo byabugenewe kugira ngo ikomeze kubaho neza. Ntugomba kugaburira imishwi ibiryo by'inkoko nkuru cyangwa izitera
- Mu minsi ya mbere, imishwi ntabwo ijya ishobora kuringaniza ubushyuhwe bwayo. Icyangombwa ni uko haba hashyushye

## Uburyo bwo gushyushya imishwi(Demorage)


Gushyushya imishwi bishobora kubera ahantu hato cyangwa hanini bitwe n'umubare w'imishwi kuko zikenera kwisanzura no guhunga ubushyuhwe mu gihe bubaye bwinshi.

Nibyiza ko umworozi agira ibipimo bimufasha gukurikirana ubushyuhwe mu kiraro mu gihe udafite igipimo ibyo bipimo imishwi igomba gukurikiranwa kugira ngo tumenye niba ubushyuhwe bw'ahantu imishwi iri bumeze neza.







Uburyo karemano bwo kuringaniza ubushyuhe ni ukubundikira




Iyo hajemo ubukonje



Iyo harimo ubushyuhe bukabije



Iyo ubushyuhe bumeze neza



Iyo harimo cyangwa hajemo umuyaga

## IBIKORWA BYA BURI MUNSI BYO KWITA KU MISHWI

Imishwi igomba kugenzurwa kenshi ku munsu. Umworozi areba imyitwarire idasanzwe, akamenya niba ifite ubuzima bwiza, niba hadashyushye cyane cyangwa hakonje cyane. Umworozi agomba kwitegereza neza ko irimo kurya. Umushwi ufite ikibazo ushyirwa ahawo ugakurikiranwa naho umushwi wapfuye ugomba gukurwa mu yindi byihuse, kandi n'isaso igomba guhora yumutse.

### Ibigomba gukorwa mu minsi ya mbere:

- Mu minsi ya mbere, ibiryo by'imishwi bigomba gushyirwa ahantu imishwi ishobora kubibona neza kandi ihashyikira
- Gusura ikiraro
- Kugenzura niba imishwi imerewe neza
- Gukuramo umushwi urwaye cyangwa utameze neza kugira ngo witabweho
- Kugirira isuku ibyo ziriramo
- Kugenzura igipimo cy'ubushyuhe, umwuka n'urumuri
- Gukuramo imyanda

### Kwita ku mikurire yazo

- Uko zigenda zikura zikenera umwanya uhagije wo kwisanzuriramo n'ibyo ziriramo bigenda byiyongera
- Ni byiza ko umworozi akurikirana imikurire y'inkoko akoresheje umunzani wabugenewe
- Umworozi agomba kumenya ko buri bwoko bw'inkoko bufite ibipimo byagenwe byo gukuriraho; bityo akita ku mikurire yazo



Imirire y'inkoko ni imwe mu nkingi z'ingenzi mu bworozi bw'inkoko, kuko yiharira hagati ya 60-70% by'amafaranga akoreshwa mu mushinga wose. Imirire y'inkoko ni yo ituma ikura neza itarwaragurika, igatangira umusaruro ku gihe, kandi ku kigero gishimishije.

Kugabura neza rero nta kundi ni ugutanga indyo yuzuye, ku kigero cyagenwe kandi yujuje ubuziranenge. Iyo ndyo kandi itangirwa ku gihe cyagenwe, umworozi akagabura akurikije uko inkoko zigenda zikura mu magarama.

Iyo tuvuga indyo yuzuye tuba tuvuga indyo ibonekamo ibitera imbaraga, ibyubaka umubiri, n'ibirinda indwara. Ibitera imbaraga tubisanga mu binyampeke (ibigori, amasaka, ingano, umuceri, ibisheke), ibyubaka umubiri biboneka mu biribwa bikungahaye ku ma poroteyini nka Soya, Indagara, ibihwagari, acide amine :Lysine, Methionone. Naho mu birinda indwara, dusangamo ibiribwa bikungahaye ku myunyu ngugu n' amavitamine nk'amagufa, ibikonoshwa by'ibinyamujororwa, premix, DCP, umunyu wo mu gikoni, n'ibindi.

#### Impamvu inkoko zikenera indyo yuzuye

- Kugira ngo zikure neza kandi zigire ubuzima buzira umuze
- Kugira ngo zitange umusaruro ushimishije kandi mwiza
- Kugira ngo zigire ubudahangarwa ku ndwara

Iyo icyororo cy'inkoko ari cyiza kandi zigaburirwa neza bitanga umusaruro mwiza. Inkoko zigaburirwa hakurikijwe ibyiciro zigezemo. Inkoko zitari mu cyiciro kimwe ntabwo zigaburirwa hamwe.

Inkoko zigeze mu gihe cyo gutera ndetse n'ibigwano by'inkoko z'inyama zikenera indyo yiganjemo byumwihariko Karisiyumu (Calcium) na fosifore (phosphore). Ku nkoko z'amagi, kalisiyumu ituma igishihwa cy'igi gikomera, naho ku nkoko z'inyama, iyi myunyu ngugu ituma amagufwa yazo akomera.


#### IBIGIZE IMVANGE Y'IBIRYO BY'INKOKO N'INKOMOKO YABYO

Mu Rwanda, imvange y'ibiryo by'inkoko tuyibona:

- Mu bikomoka ku binyabuzima busimba : indagara, ibishishwa by'ibinyamujororwa (coquille d'escargot) ,...
- Mu bikomoka ku bimera: Ibisigazwa byo mu nganda nk' ibihwagari, ipamba (coton cake), ibisigazwa umuceri , ibigori (branda) , n'ibisigazwa byo mu ruganda rw'ibisheke (melase)

Imbonerahamwe ikurikira iratwerekana ibigize imvange y'ibiryo n'intungamubiri ziboneka muri buri bwoko


| Ibitera imbaraga | Ibyubaka umubiri                 | Ibirinda indwara |
|------------------|----------------------------------|------------------|
| Ibigori          | Soya                             | Amagufwa         |
| Umuceri          | Indagara                         | Ishwagara        |
| ingano           | Ibisigazwa by'ipamba             | Kokiye           |
| Melase           | Ibihwagari                       | premix           |
|                  | Proteyine mvaruganda (concentre) |                  |






## AKAMARO K'AMAZI MEZA KU NKOKO

Amazi meza ni intungamubiri ku nkoko ikunze kwibagirana, Amazi meza ni ikintu cy'ingenzi cyane mu ifunguro ry'inkoko ariko ntigikunze kwitabwaho n'aborozi. Amazi meza agira uruhare mu igororwa ry'ibiryo, mu kuringaniza ubushyuhe n'ubukonje bw'umubiri, ndetse no mu gutanga umusaruro uhagije (urugero: hafi 70% by'ibigize igi ni amazi.



Ikigero cy'amazi inkoko ikeneye ku munsu kigomba byibura kuba inshuro ebyiri z'ibyo yariye.

Amazi meza ni ingenzi ku musaruro n'ubuzima bwiza by'inkoko cyane cyane ku mishwi. Iyo adahari zishobora kwicwa n'umwuma. Ni ngombwa rero ko mu bunywero bw'inkoko hahoramo amazi meza kandi afutse.



- Inkoko ziterera amazi meza kandi afutse
- Amazi y'imvura ashobora gukoreshwa ariko yakorewe isuku
- Amazi yose yaguyemo amatoto cyangwa se indi myanda yose ni inkomoko y'uburwayi

## INYONGERA MU BIRYO BY'INKOKO (FEED ADDITIVE)

inyongera ni intungamubiri zongerwa mu igaburo ry'inkoko kugira ngo ziryongerere agaciro, hagamijwe ibi bikurikira:

- Kongera igikuriri cy'inkoko
- Kongera uburyohe bw'igabura
- Kongera umusaruro ukenewe ku isoko

### Igaburo ry'inkoko

Ubwoko bw'ibiryo by'inkoko biboneka ku isoko bikorwa hakurikijwe ikigero cy'inkoko ndetse n'ubwoko bwazo.

Umworozi agomba kugaburira inkoko ibiryo byujuje ubuziranenge. Ibigize imvange y'ibiryo bishobora kuba byanduye, ibiryo bishobora kwandurira mu kubitwara nabi, bishobora kwanduzwa n'ibyonnyi biza mu kiraro. Ibiryo byatoye uruhumbu ntabwo ari byiza kuko biba birimo mikorobe zitera indwara.

Igaburo ry'inkoko ritangwa hakurikijwe akenshi ibyiciro bitatu: Hari icyiciro cy'ibiryo by'inkoko z'imishwi, icy'ibigwano, n'icy'inkoko zikuze.

### Ibiryo by'imishwi y'inkoko

Ubwoko bw'ibiryo buteganijwe muri uru rwego buba bukungahaye kuri poroteyine bigatuma umushwi ubonamo intungamubiri zose ukeneye. icyi cyiciro cy'ibiryo bigaburirwa imishwi ifite kuva ku munsu umwe kugera nibura ku byumweru umunani bitewe na buri bwoko bw'inkoko.

Ubu bwoko bw'ibiryo ntibugomba gutangwa nyuma y'ibyumweru umunani imishwi ivutse. Impamvu yabyo ni uko ikigero kiri hejuru cya poroteyine gishobora kwangiza umwijima w'inkoko mu byiciro bikurikiyeho. Kugaburira umushwi ibiryo bikungahaye kuri poroteyine ku kigero kiri hagati ya 20-24%, ni inkingi y'ubuzima bwiza bw'ahazaza h'inkoko.

### Ibiryo by'inkoko by'ibigwano/ amashahi

Ubwoko bw'ibiryo by'inkoko kuri iki cyiciro bubonekamo poroteyine ku kigero kiri hagati ya 16-18%. Ibyo biryo bibonekamo kalisiyumu nkeya ugereranije n'ikigero cy'inkoko zikurikiyeho. icyi cyiciro kirangira igihe inkoko zitangiye gutera.

### Ibiryo by'inkoko zikuze

Ibi biryo bibonekamo ikigero cya poroteyine kingana n'icyo mu bigwano kiri ku urugero rwa 16-18% ariko nanone bikaba bifite ikigero cya kalisiyumu kiri hejuru ituma igishishwa cy'igi gikomera kigasa na neza. Bene ibi biryo bigaburirwa inkoko zujuje byibuze ibyumweru 20 zivutse. Kugaburira inkoko z'imishwi cyangwa z'ibigwano bikiri bito bene ibi biryo bituma zigwingira

## URUGERO RW'IMVAGE Y'IBIRYO BY'INKOKO

| Imishwi y'iz'amagi              |              |                  |
|---------------------------------|--------------|------------------|
| Ibigize ibiryo                  | Ijanisha (%) | Ingano (1000 Kg) |
| Ibigori                         | 29           | 290              |
| Ibisigazwa by'ibigori (Buranda) | 40           | 400              |
| Indagara                        | 6            | 60               |
| Kokiye                          | 4            | 40               |
| Ibisigazwa bya Soya             | 8            | 80               |
| Ibihwagari                      | 8            | 80               |
| Concentrate/Premix              | 5            | 50               |
| Igiteranyo                      | 100          | 1000             |

Izitera amagi

| Ibigwano by'iz'amagi |              |                  |
|----------------------|--------------|------------------|
| Ibigize ibiryo       | Ijanisha (%) | Ingano (1000 Kg) |
| Ibigori              | 30           | 300              |
| Buranda              | 35           | 350              |
| Indagara             | 7            | 70               |
| Kokiye               | 5            | 50               |
| Soya                 | 10           | 100              |
| Ibihwagari           | 8            | 80               |
| Concentrate/ Premix  | 5            | 50               |
| Igiteranyo           | 100          | 1000             |

| Ibigize ibiryo      | Ijanisha (%) | Ingano (1000 Kg) |
|---------------------|--------------|------------------|
| Ibigori             | 25           | 250              |
| Buranda             | 43.5         | 435              |
| Indagara            | 8            | 80               |
| Kokiye              | 6            | 60               |
| Ibisigazwa bya Soya | 7            | 65               |
| Ibihwagari          | 6            | 60               |
| Concentrate /Premix | 5            | 50               |
| Igiteranyo          | 100          | 1000             |

Izibagwa: muni y'iminsi 28

| Ibigize imvange     | Ijanisha (%) | Ingano (1000 Kg) |
|---------------------|--------------|------------------|
| Ibigori             | 64.00%       | 640              |
| Buranda             | 9.00%        | 90               |
| Indagara            | 2.50%        | 25               |
| Soya                | 16.00%       | 160              |
| Moringa             | 2.00%        | 20               |
| Ishwagara           | 0.50%        | 10               |
| Amavuta ya soya     | 1.00%        | 5                |
| Concentrate /Premix | 5.00%        | 50               |
| Igiteranyo          | 100.00%      | 1000             |

Bimwe mu bintu bishobora kugira ingaruka ku mirire y'inkoko no ku musaruro.

### Ubushyuye n'ubukonje

Imihindagurikire y'ubushyuye/ ubukonje igira ingaruka nziza cyagwa mbi ku mirire y'inkoko. Ubushyuye bwinshi kandi butuma inkoko zitabasha kurya ibiryo bihagije ahubwo zikanywa amazi menshi. Zikananywa macye iyo hari ubukonje bwinshi. Ibi bigabanya umusaruro.

### Ibigize imvange

Hari bimwe mu bikoreshwa mu mvange y'ibiryo bishobora kugira ingaruka ku igogorwa ry'ibiryo.

Urugero:

- Soya idakaranze neza kandi idaseye igira ingaruka kuko igabanya ubushobozi bw'umusemburo uvuburwa n'urwagashya kandi uwo musemburo ari ingenzi mu igogorwa ry'ibiryo.
- Gufata nabi no kubika nabi ibyo kurya.

| Ibyiza byo kugabura ibiryo by'uruganda  | Ibyiza byo kugabura ibiryo wikoreye  |
|---|--|
| <ul style="list-style-type: none"> <li>• Hakoreshwa abakozi bakeya</li> <li>• Bitwara igihe gito kubibona</li> <li>• Biba byujuje ubuziranenge</li> </ul> | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Biba bihendutse ugereranije n'iby'uruganda</li> </ul>   |
| Ibibi byo kugabura ibiryo byo mu ruganda  | Ibibi byo kugabura ibiryo wivangiye  |
| <ul style="list-style-type: none"> <li>• Igiciro cyabyo kiba kiri hejuru ugereranije n'ibyo wivangiye</li> </ul>  | <ul style="list-style-type: none"> <li>• Ibikoreshwa mu kuvanga ibiryo biragora kubibona ndetse rimwe na rimwe ntibiboneka.</li> <li>• Kuba bivanze nabi</li> <li>• Ntago biba byujuje ubuziranenge</li> </ul> |

Ni byiza gukoresha ibiryo by'uruganda aho gukoresha ibyo wivangiye kuko aribyo biba byizewe ku buziranenge. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ingano y'ibiryo bitangwa ku munsu ku nkoko z'amagi.

| Igihe imaze (Ibyumweru) | Igipimo cy'Ibiryo (muri garama) | Amazi (ml) | Uburemere bwayo |
|-------------------------|---------------------------------|------------|-----------------|
| 3                       | 25                              | 50-60      | 150g            |
| 4                       | 30                              | 60-70      | 200g            |
| 5                       | 35                              | 70-80      | 300g            |
| 6                       | 40                              | 80-100     | 400g            |
| 7                       | 45                              | 100-120    | 500g            |
| 8                       | 50                              | 120-130    | 650g            |
| 9                       | 55                              | 130-140    | 800g            |
| 10                      | 60                              | 150-160    | 900g            |
| 11                      | 60                              | 160-165    | 1000g           |
| 12                      | 65                              | 165-170    | 1100g           |
| 13                      | 65                              | 170-175    | 1200g           |
| 14                      | 70                              | 175-180    | 1300g           |
| 15                      | 70                              | 180-190    | 1400g           |
| 16                      | 75                              | 190-195    | 1500g           |
| 17                      | 80                              | 195-200    | 1600g           |
| 18                      | 85                              | 205-210    | 1700g           |
| 19                      | 90                              | 210-220    | 1750g           |
| 20                      | 95                              | 220-230    | 1800g           |

#### INGANO Y'IBIRYO BIKENEWE KU NKOKO Z'INYAMA

| Igihe imaze (garama) (ibyumweru) | Igipimo cy'Ibiryo (muri garama) | Amazi (ml) | Uburemere bwayo |
|----------------------------------|---------------------------------|------------|-----------------|
| 1                                | 20                              | 40-50      | 130-150         |
| 2                                | 30                              | 60-80      | 260-300         |
| 3                                | 50                              | 100-120    | 460-520         |
| 4                                | 70                              | 140-160    | 750-800         |
| 5                                | 90                              | 180-200    | 100-1200        |
| 6                                | 105                             | 210-230    | 1300-1500       |
| 7                                | 115                             | 230-280    | 1600-1800       |
| 8                                | 120                             | 240-300    | 1900-2100       |
| 9                                | 125                             | 250-320    | 2100-2300       |
| 10                               | 130                             | 260-350    | 2200-2400       |

#### UBURYO BWO KUBIKA AMAKURU Y'INGENZI MU BWOROZI

| ITARIKI | Umubare w'inkoko | Igihe zimaze |           | IZAPFUYE |           | IBIRYO ZIRYA/ gr | AMAZI ZINYWA | IMITI N'INKINGO |
|---------|------------------|--------------|-----------|----------|-----------|------------------|--------------|-----------------|
|         |                  | Iminsi       | Ibyumweru | KU MUNSI | Izisigaye |                  |              |                 |
| 1       |                  |              |           |          |           |                  |              |                 |
| 2       |                  |              |           |          |           |                  |              |                 |
| 3       |                  |              |           |          |           |                  |              |                 |
| 4       |                  |              |           |          |           |                  |              |                 |



## UBWIRINZI NO GUKUMIRA INDWARA MU BIRARO BY'INKOKO

Ubwirinzi ni uburyo bwose bukoreshwa kugira ngo hirindwe udukoko dutera indwara kugera aho inkoko zororewe. Ubworozi butarangwamo indwara bugabanya impfu z'inkoko zorowe mu kiraro ndetse n'ibihombo biturutse mu gukoresha imiti bitari ngombwa. Inkoko zifite ubuzima buzira umuze zitanga umusaruro ndetse n'umworozi akabona inyungu ishimishije.

Ku bw'umwihariko, kugira ngo hirindwe udukoko dutera uburwayi mu bworozi bw'inkoko, ni ngombwa ko hubahirizwa ibintu bikurikira:


Abakozi bakora mu biraro n'abashyitsi bose bagomba gukaraba intoki bakoresheje isabune mbere yo kwinjira mu biraro. Bagomba kubanza kubanza kwisukura bakoresheje imiti yica ubukoko butera indwara mbere yo kwinjira mu biraro. ndetse bagomba no kwambara imyenda y'isuku yabugenewe (bote, isurubeti, agapfukamunwa, akanozasuku, n'udupfukantoki).



- Inkoko zorowe ntaho zigomba guhurira n'ibiguruka byo mu gasozi kuko biba bifite ubundi burwayi
- Imbeba, imbwa, injangwe ndetse n'andi matungo ntaho bigomba guhurira n'inkoko zorowe
- Inkoko zigomba kuba zonyine mu kiraro cyazo
- Ibikoresho byose bikoreshewa mu kiraro bigomba gusukurwa hakoreshajwe imiti (amasabune n'imiti yabugenewe) yabugenewe mbere yo kubikoreshwa mu kiraro
- Ibice byose byegereye ikiraro ndetse n'ahantu ibisigazwa by'ibiryo by'inkoko bishyirwa hagomba gusukurwa byibuze inshuro imwe ku munsu buri gitondo.
- Umuganga w'inkoko uvuye mu kindi kiraro agomba guhindura imyenda y'isuku mbere yo kwinjira mu kindi kiraro
- Inkoko zapfuye zose zigomba gutwikwa. Mu biraro binini bagomba kugira aho batwikira inkoko zapfuye habugenewe. Mu biraro bitoya, bagomba guteganywa umwobo muremure wo gutabamo inkoko zapfuye.
- Buri mworozi wese agomba kugira uburyo abikamo amakuru ajyanye n'urugero rw'ibyo yagaburiye inkoko, imiti yakoreshejwe ndetse n'umusaruro uboneka buri munsu

- Abashyitsi bose bagera aho ubworozi bukorerwa bagomba kugira aho bandikwa. Mu bashyitsi habarirwamo: abavuzi b'inkoko, abazana ibikoresho n'ibiryo by'inkoko, abandi borozi, inshuti, abaterankunga, abo mufitanye isano rya hafi, abakangurambaga mu bijyanye n'ubworozi ndetse n'abakozi b'ikigo cya leta gishinzwe Ubworozi.

Mbere yo kwemerera umushyitsi wese kwinjira aho ubworozi bukorerwa, uwo mushyitsi agomba kubanza gusobanurirwa uburyo bwose bukoreshwa mu kwirinda indwara. Mu bintu agomba gusobanurirwa harimo uko bisukura ndetse no kwambara imyenda y'isuku yabugenewe (bote, isurubeti, agapfukamunwa, akanozasuku, n'udupfukantoki)



Iyobamaze gusobanurirwa ibijyanye n'ubwirinzi bw'indwara buzuzura ururupapuro rukurikira (Imbonerahamwe)

Urugero rw'urupapuro rwandikwamo abashyitsi

| ITARIKI | AMAZINA YOMBI | AHO ATURUTSE/ ADERESI | IMPAMVU YO GUSURA | IGIHE YINJIRIYE MU BIRARO | IGIHE ASOHOKEYE MU BIRARO | ICYO WATUBWIRA | UMUKONO |
|---------|---------------|-----------------------|-------------------|---------------------------|---------------------------|----------------|---------|
|         |               |                       |                   |                           |                           |                |         |
|         |               |                       |                   |                           |                           |                |         |

ICYITONDERWA: Buri mushyitsi ugiye kwijira mu biraro agomba gukurikiza amabwiriza ajyanye n'ubwirinzi bw'indwara mu kiraro yashyizweho n'ikigo yasuye.

### Gukingira inkoko

Usibye ibyavuzwe harunguru, gukingira inkoko ni ngombwa mu bworozi bw'inkoko. Inkoko z'inkoko zikoreshwa hakurikijwe ubwoko bw'inkoko zorowe; kuko zishobora kuba ari izitera amagi cyangwa zitanga inyama.

Urugero rwa gahunda y'inkigo zihabwa inkoko zitanga amagi (Imbonerahamwe ya 2 na 3)  
Gahunda y'inkigo zihabwa inkoko zitanga amagi


| IMINSI           | INDWARA IKINGIRWA  | INKINGO   | UKO ZITANGWA                     |
|------------------|--|---|----------------------------------|
| 0                | Marek  | CEVAC MD HVT<br>RISPENS                                 | Urukingo rutangirwa mu ituragiyo |
| 3                | New Castle(ND)<br>+infectious<br>bronchitis(BI(mass)<br>+BI(variant)   | CEVAC BI L +<br>CEVAC Ibird                             | Mu mazi yo kunywa                |
| 7                | GUMBORO (IBDV)   | CEVAC Gumbo L   | Mu mazi yo kunywa                |
| 14               | GUMBORO (IBDV)   | CEVAC IBDL  | Mu mazi yo kunywa                |
| 21               | New Castle (ND)  | CEVAC NEW L   | Mu mazi yo kunywa                |
| 25               | GUMBORO (IBDV)   | CEVAC IBD L   | Mu mazi yo kunywa                |
| 35               | New Castle (ND)  | CEVAC NEW L   | Mu mazi yo kunywa                |
| 45               | FowlPox (FP)   | CEVAC FPL   | Ruterwa mu ibaba                 |
| 56               | New Castle (ND)  | CEVAC NEW L   | Mu mazi yo kunywa                |
| 70               | New Castle(ND)<br>+infectious bronchitis(BI<br>Mass)   | CEVAC NEW L +<br>CEVAC BRON L<br>cyangwa (CEVAC<br>NBL) | Mu mazi yo kunywa                |
| 91               | New Castle (ND)+infectious bronchitis<br>BI(Variant)   | CAVAC NEW L +<br>CEVAC Ibird                            | Mu mazi yo kunywa                |
| 112<br>to<br>119 | New Castle (ND) +<br>infectious bronchitis (BI)<br>+ Egg-drop syndrome<br>(EDS) + coryza (ABC) +<br>salmonella Enteritidis | Cevac Corymune 7k                                       | Ruterwa mu nyama                 |
| 196              | New Castle (ND) +<br>infectious bronchitis (BI<br>Mass)  | CEVAC NEW L +<br>CEVAC BRON L<br>Cyangwa CEVAC<br>NBL   | Mu mazi yo kunywa                |
| 245              | New Castle (ND) +<br>infectious bronchitis BI<br>(Variant)   | CEVAC NEW L +<br>CEVAC Ibird                            | Mu mazi yo kunywa                |
| 385              | New Castle (ND)+<br>infectious bronchitis BI<br>(Variant)  | CEVAC NEW L +<br>CEVAC Ibird                            | Mu mazi yo kunywa                |

Gahunda y'inkigo zihabwa inkoko zitanga inyama

| IMINSI | INDWARA IKINGIRWA                                    | INKINGO          | UKO ZITANGWA                           |
|--------|--|------------------|--|
| 0      | New Castle(ND)<br>+infectious bronchitis(BI<br>Mass) | Cevac Vitabron L | URUKINGO<br>RUTANGIRWA MU<br>ITURAGIRO |
| 3      | Infectious bronchitis<br>BI(Variant):                | CEVAC Ibird      | MU MAZI YO KUNYWA                      |
| 7      | GUMBORO (IBDV)                                       | CEVAC Gumbo L    | MU MAZI YO KUNYWA                      |
| 14     | GUMBORO (IBDV)                                       | CEVAC IBDL       | MU MAZI YO KUNYWA                      |
| 21     | New Castle (ND)                                      | CEVAC NEW L      | MU MAZI YO KUNYWA                      |

ICYITONDERWA: Buri mworozi asaba imbonerahamwe y'inkingo aho yaguriye icyororo


- Umworozi agomba kugura inkoko mu kiraro yizyeyeko nta ndwara zikirangwamo
- Inkoko yajyanwe mu imurikagurishwa yangwa mu isoko ariko ntigurwe, ntabwo igomba gusubizwa mu zindi nkoko ziri mu kiraro itabanje gushyirwa mu kato byibura iminsi 30. Ibi bifasha kureba niba nta ndwara igarukanye (aho bashyira inkoko ziri mu kato hagomba kuba hitaruye inyubako irimo inkoko nzima)
- Mu gihe iminsi 30 irangiye inkoko igomba gusuzumwa kugira ngo byemezwe niba yasubizwa mu zindi nkoko ziri mu kiraro.
- Ntibyemewe gutizanya n'abaturanyi ibikoresho byo mu kiraro mu gihe baba borora inkoko n'andi matungo
- Mu gihe bibaye ngombwa ko hari igikoresho gitizwa cyangwa gitirwa, ni ngombwa ko gisukurwa hakoreshejwe amasabune n'imiti byabugenewe
- Ni ngombwa kugaburira inkoko ibiryo byujuje ubuziranenge kandi byujuje intugamubiri zisambwa. Inkoko kandi zigomba kubona amazi meza kandi ahangije.



## INDWARA ZIBONEKA MU BWOROZI BW'INKOKO

Mu gihe inkoko igaragaza ibimenyesto bidasanze mu buzima bwayo bwa buri muni umusaruro witezweho mu gihe runaka ukamanuka ndetse hatu na hatu ukaba wabura, ubwo iba irwaye. Uburwayi mu nkoko bushobora guterwa n'ibintu bikurikira:

- Ibinyabuzima nk'udukoko dutera uburwayi nka bagiteri, virusi, indyanyi, uduhumyo dutoya
- Ibitari ibinyabuzima nk'indyo ituzuye, igabanuka ry'imyunyungugu n'amavitamine mu mubiri w'inkoko, urumuri rudahagije, umwuka uhumanye mu biraro, ubucucike bw'inkoko mu kiraro ndetse n'amazi adafite isuku.



Inkoko itarwaye (iba ifite amababa yegereye ku mubiri, amaso adahondobera, ibasha kugenda neza, ikikoroko cyayo gitukuye kandi kitariho udusebe inahumeka neza)



Inkoko irwaye (ntibasha kurya, iba yigunze, irahagira, ipfuka amababa, irangwa no kwitsamura, gukorora, igira ibimyira mumazuru, igira amarira mu maso, amatoto yayo aba ari amazi cyangwa arimo amaraso n'ibindi)

Itandukanyirizo hagati y'inkoko nzima n'irwaye.

ICYITONDERWA: Umworozi agomba gukomeza gukurikirana bya hafi ubuzima bw'inkoko kugira ngo ashobore kumenya igihe uburwayi bwaje cyangwa ko habaye impinduka ku buzima bw'inkoko.

## Bimwe mu bimenyetso by'indwara z'inkoko



Mu myanya y'ubuhumekero: Gusemeka, kubyimba amaso, ibimyira




Ku mikorere y'ubwonko bw'inkoko: Gutitira, Pararize, Kuzunguza umutwe bidashira no kwigonda kw'ijosi




Ku buryo inkoko itambuka: kugonda amajanja, kubyimba ibirenge



Ku ruhu; gupfuka amababa, udusimba mu mababa no ku maso, amagaragamba ku majanja amavunja mu majanja



Ku rwungano ngogozi: amatoto ahindura ibara rimwe na rimwe akaza ari amazi cyangwa amaraso



Ibindi mu bimenyetso by'indwara zifata inkoko: ihagarika kurya no kunywa amazi, inkoko irajunjama



# 5


## ISOKO RY'INKOKO N'IBIZIKOMOKAHO NO KUBIKA INYANDIKO

### MU GIHE UBURWAYI BWAGEZE MU KIRARO CYAWE, WABIGENZA GUTE?

- Inkoko zose zigomba kujya mu kato byihutirwa. Izirwaye zigashyirwa ahihariye
- Ugomba guhita uhamagara umuganga w'amatungo cyangwa abandi bajanama mu by'ubuzima bw'amatungo
- Mu gihe hari izindi nkoko ziri mu bindi biraro, zikurikirane kugira ngo urebe nimba nta burwayi buzigeramo
- Inkoko, amagi cyangwa ibindi bikomoka ku nkoko ntibigomba gusohoka mu kiraro. Bibaye ngombwa, wagisha umuganga w'amatungo inama ku bigomba gukorwa
- Abakozi bakora mu kiraro cyagaragayemo uburwayi bagomba kubahiriza no gushyira mu bikorwa ingamba zirebana no gukumira indwara. Abakozi bakoreramo mu kiraro cyagaragayemo indwara ntibemerewe kujya mu bindi biraro
- Ntibyemewe kwongera izindi nkoko mu kiraro kereka ubigiriwemo inama n'umuganga w'amatungo
- Inkoko yapfuye iratabwa cyangwa igatwikwa
- Ntabwo byemewe gusura ibindi biraro

### MUGIHE IBICURANE BY'IBIGURUKA BYAGEZE MU KIRARO CYAWE WABIGENZA GUTE?

- Shyira ahagaragara hose ibimenyetso bikumira abinjira mu kiraro cyawe
- Imiryango yo kwinjiriramo igomba guhora ifunze. Hagomba kandi kuba hari n'umukozi ushinze gukumira abinjira kandi ntatume hari n'igisohoka mu kiraro: amagi, ifumbire, inyama n'ibindi)



### Isoko ry'inkoko n'ibizikomokaho

Isoko ry'inkoko n'ibizikomokaho rifite umwihariko waryo:

- Inkoko zikunze kubagirwa aho zororerwa ariko byagakorewe ku ibagiro ribifitiye uburenganzira. Amagi agurishirizwa aho zororerwa ariko byagakorewe ku makusanyirizo ya koperative cyangwa ku mazu y'ubucuruzi bw'amagi yabugenewe
- Abaguzi bakunda amagi n'inyama bitamaze igihe (bifutse)
- Inkoko n'inyama z'inkoko bishobora kugurishwa mu buryo bw'amasezerano yanditse hagati y'abaguzi cg ubundi buryo bwemeranyijweho.

### Menyekanisha ibikorwa byawe

Hari uburyo butatu bwo kumenyekanisha ibikorwa:

- Gukora ubushakashatsi no gushaka amakuru ku mahirwe y'isoko ahari,
- Gufata umwanzuro w'ibyo wiyemeje gukora kugira ngo ugere ku isoko rihari,
- Gushyira mu bikorwa umwanzuro wafashwe.



### Gukora ubushakashatsi no gusesengura amakuru

Intambwe ya mbere ni ukureba by'umwihariko niba isoko ririhho, ibibazo n'imbogamizi ku isoko.

Intambwe ya kabiri ni ukureba ibikenewe ku isoko. Ibiciro bikagenzurwa neza. Iyo biri hejuru, kongera ingano y'ibicuruzwa bishobora kugabanya ibiciro ariko imari ikoresheya mu bucuruzi ikazamuka. Ntibubujije ko abari mu ruhererekane nyongeragaciro bakomeza kubona inyungu. Abaguzi b'inkoko n'ibizikomokaho bashobora gusaba umwihariko w'ibyo bakeneye: kugura inyama zikase zitunze ku mishito, amatako gusa, aho kugura inkoko yose.

Iyo amakuru ajyanye n'isoko amaze gukusanywa; arasuzumwa byimbitse hakarebwa igice cy'isoko kigomba kwitabwaho mu kugurisha inkoko n'ibizikomokaho. Iyi niyo ntambwe y'ingenzi kuruta izindi ikaba ari nayo igoye kuzirusha.



### Gufata umwanzuro w'ibyo wiyemeje gukora ngo ugere ku isoko rihari

Iyo amakuru yose ajyanye n'isoko amaze kwigwaho byimbitse, hakurikiraho gufata icyemezo cy'igice cy'isoko cyo kwibandaho. Mu gihe bigaragaye ko kugurisha kuri iri soko bitarimo gukunda, amakuru ajyanye n'isoko asubirwamo. Abafite uruhare mu ruhererekane nyongeragaciro (abagurisha inyongeramusaruro, abari mu bworozi no kugurisha, abakora imirimo ifite aho ihuriye n'inkoko n'ibizikomokaho batandukanye, abatanga serivisi, ubwikorezi,...) amakuru batanze ahabwa agaciro by'umwihariko.

Mu gihe isoko ryo kugurishaho ryafashweho umwanzuro; hakurikiraho gushyiramo igishoro. Igishoro giterwa n'inzira ugurisha yiyemeje. Urugero birahendutse gufatanya n'undi muntu mugakodesha imodoka izajya ijyana umusaruro ku isoko kurusha kugura imodoka izajya ikora ako kazi. Inzira iyo ariyo yose yatoranyijwe igomba kuba itagoranye kandi itanga inyungu mu buryo bushoboka. Nubwo kugirana amasezerano yanditse n'abaguzi aribwo buryo bwiza mu kugura no kugurisha inkoko n'ibizikomokaho, ni ngombwa kubanza kugerageza isoko mbere yo gusinyira amasezerano.

### Gushyira icyemezo mu bikorwa

Ibyemezo byose byamaze gufatwa, ingamba zo kugera ku isoko zashyizwe mu bikorwa, abakiriya bishimiye ibyo bazagezwaho, amasezerano ashobora gushyirwa mu bikorwa. Inama iruta izindi ni uko ibigurishwa byaba byubahiriza ibyo umukiriya yifuza mu bwiza, ingano, uko bifunze, igiciro, igihe bihagerera, ubukonje,... Muri make amasezerano yaba yanditse cyangwa atanditse agomba kubahirizwa.

### Kwadika, kubika no gusesengura amakuru



Kwandika no kubika amakuru mu bworozi bw'inkoko bifite akamaro karenze kugenzura inkoko z'umworozi. Uretse kugenzura uko inkoko zitanga umusaruro muri rusange; bifasha no gutanga amakuru y'ibanze yo kubara igishoro n'inyungu. Kwandika no kubika amakuru y'ibikorwa mu bworozi bw'inkoko rero ni ingenzi cyane kugira ngo umworozi abashe gupima uko inkoko ze zitanga umusaruro.

Kuko imirimo ya buri muni mu bworozi bw'inkoko itwara amafaranga, ni ngombwa kwandika kugira ngo bitange amakuru kuri ibi bikurikira.

- Igishoro
- Ubwoko bw'ibyashyirwemo amafaranga
- Amafaranga yavuye ku nkoko n'ibizikomokaho byagurishijwe (amagi, inyama, ifumbire
- Inyungu
- Kugaragaza amahirwe yo kongera gushora
- Kugaragaza ibigeranyo fatizo no
- Gukora igenamigambi ry'igihe kirekire

Ni ngombwa rero ko umworozi yandika, akabika ndetse agasesengura amakuru y'ibikorera mu bworozi bw'inkoko bwe kugira ngo abashe kunoza ibitagenda neza mu iterambere ry'umushinga we.


Akamaro ko gukusanya no kubika amakuru mu bworozi bw'inkoko

- Kubona aho uvana amakuru yo kugenzura uko umushinga ugenda
- Gutanga amakuru afasha mu micungire myiza y'umushinga
- Amakuru agomba kuba yoroshye kuyafata, yumvikana kandi atisubiramo
- Amakuru agomba kuba yerekana niba umushinga wunguka cyangwa uhomba
- Amakuru agaragaza amakosa yakozwe mu gihe cyashize kugira ngo atongera gusubirwamo
- Amakuru atuma habaho kugereranya umusaruro wabonetse n'uwari witezwe cyangwa hagati y'umworozi runaka n'undi
- Amakuru afatwa yifashishwa mu kubyaza umusaruro umushinga w'ubworozi bw'inkoko mu buryo bufatika
- Gutanga amakuru y'igenamigambi ry'igihe kizaza, ibyahinduka mu mushinga w'ubworozi cyangwa mu kwagura umushinga
- Afasha mu kwirinda ibibazo by'imicungire y'umushinga
- Kugenzura ibyagira ingaruka ku bidukikije





Kingdom of the Netherlands



Iyi mfashanyigisho yakozwe ku bufatanye na: MINAGRI, SEAD, RDB, RAB, RP, UR na RPIA

